# NI NDE UBASHA GUHAGARARA ADATSINZWE (GUCUKUMBURA IBYANDITSWE BYERA)

**Ibihamya by'Itorero, Vol.5, p.706-708**

Abantu bariyicariye banyuzwe n'umucyo bamaze kubona uturutse mu ijambo ry'Imana kandi baca intege ubundi bucumbuzi bwose bw'Ibyanditswe. Bahinduka abihambira ku bya kera badashaka impinduka maze bagashaka uko bakwirinda impaka.

Kuba hatariho intambara cyangwa kwivumbagatanya mu bwoko bw'Imana ntibikwiriye kubonwa nk'igihamya ntakuka kigaragaza ko bashikamye ku mahame mazima. Ahubwo hariho impamvu yo gutinya ko bashobora kuba badasobanukiwe neza gutandukanya ukuri n'ikinyoma. Iyo nta bibazo bishya bibajijwe bikomotse ku gucukumbura Ibyanditswe, iyo hatariho kudahuza ibitekerezo kuzatera abantu gushakashaka muri Bibiliya ubwabo ngo bamenye neza ko bafite ukuri, hazabaho abantu benshi, nk'uko byari bimeze mu bihe bya kera, bazihambira ku migenzo maze bagasenga ibyo batazi.

Neretswe ko abantu benshi mu bavuga ko bafite ubumenyi bw'ukuri kw'iki gihe batazi ibyo bizera ibyo ari byo. Ntabwo basobanukiwe n'ibihamya byo kwizera kwabo. Ntabwo basobanukiwe n'umurimo w'iki gihe. Ubwo igihe cyo kugeragezwa kizaza, hari abantu babwiriza abandi muri iki gihe, bazasuma uruhande bahagazemo, maze bagasanga hari ibintu byinshi badashobora gutangira impamvu zumvikana. Ntibigeze bamenya ubujiji bwabo bukomeye kugeza bageragejwe muri ubwo buryo. Kandi hari abantu benshi mu itorero bibwira ko kuba bari mu itorero rifite ukuri bivuze ko basobanukiwe n'ibyo bizera; ariko intambara iyo zihagurutse ni bwo basobanukirwa n'intege nke zabo. Ubwo bazatandukanywa n'abafite ukwizera nk'ukwabo maze bagahatirwa guhagarara bonyine ku giti cyabo ngo basobanure ibyo bizera, bazatungurwa no kubona ukuntu ibitekerezo byabo byuzuyemo urujijo ku byo bari baremeye nk'ukuri. Ni ukuri kudashidikanywaho ko muri twe habayeho kuva ku Mana nzima maze tugahindukirira abantu, tugashyira ubwenge bwa kimuntu mu mwanya w'ubwenge mvajuru.

Imana izakangura ubwoko Bwayo; ubundi buryo bwose nibunanirana, ubuyobe buzinjira muri bo, maze bubagosore, maze umurama n'ingano bitandukanywe. Uwiteka arahamagarira abantu bose bizera ijambo Rye gukanguka bakava mu bitotsi. Umucyo w'igiciro cyinshi waraje, ukwiranye n'iki gihe. Ni ukuri kwa Bibiliya, kutugaragariza akaga kirimbuzi katwugarije. Uyu mucyo ukwiriye kutuyobora ku kwiga Ibyanditswe mu buryo bwimbitse no gusuzuma tutajenjetse umwanya duhagazemo. Imana irashaka ko habaho gusuzuma kwimbitse kandi kwitondewe kw'ibihamya by'ukuri n'umwanya uko kuri kurimo, dusenga kandi twiyiriza ubusa. Abizera ntibagomba kumva banyuzwe n'ibyo bibwira hamwe n'ubusobanuro burwaye bw'ingingo zigize ukuri. Ukwizera kwabo kugomba kuba gushinze kandi gushikamye ku ijambo ry'Imana ku buryo igihe cyo kugeragezwa nikiza maze bakajyanwa imbere y'inama z'abayobozi ngo basubize ibijyanye no kwizera kwabo, bazabe bashobora gutanga impamvu z'ibyiringiro biri muri bo, bafite ubugwaneza kandi bubaha.